BAKARERE Léonard
C/O MIJESCAFOP
B.P 10 44 KIGALI

Kigali, le 09/06/1998

Bwana Muyobozi wa Komisiyo Tekinike
y'amahugurwa y'Abanyarwanda

**Impamvu**:
Gusaba kurenganurwa

Bwana Muyobozi,

Nshimishijwe no kubandikira iyi baruwa, mbasaba ko mwandenganura ; ubusanzwe nakoze mu ngando nyinshi nkorana n'abantu benshi banyuranye, nta kibazo nigeze ngirana nabo. Muri iyi ngando ya Kaminuza -i Gishari, nayo nta kibazo nari nagiranye nabo ariko ku wa mbere tariki ya 08/6/1998, nakorewe ibidasanzwe. Nagiye mu kazi njyanye , CPT Vianny i Rwamagana tugarutse saa kumi n'ebyiri (18 h 00) nguma mu modoka. Mu gihe cya saa mbiri (20 h00) nibwo nari ngiye gucyura Staff, Jean Paul ambaza, aho narindi musobanurira ko nari najyanye Capt . Vianny. Nta kindi yambajije ahita ankubita urushyi, ambwira ko azajya ampanisha inkoni ndamwihorera. Nkaba mbasaba ko mwamumbariza niba ndi itungo rye. Ikindi kandi ngo arashaka kontazahemberwa ko nakoranye na Staff nabyo mwabimbariza dore ko ananije hasigaye iminsiibiri gusa ngo musoze ingando.

Nabasabaga kandi ko bishobotse mwampindurira mukampa undi kuko we mbona tutagishobokanye we ashaka kuntegekesha inkoni, kandi ibyo nkaba ntazabyihanganira.

Mu gihe ngitegereje, igisubizo cyanyu cyiza, mbaye mbashimiye bwana Muyobozi wa Komisiyo Tekinike.

**BAKARERE Léonard**